# Afite intsinzi niba ari kuvugisha ukuri

Hadith yaturutse kwa Twal'hat Ibun Ubaydillah (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umugabo umwe uturutse ahitwa Nadj'di yaje kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), imisatsi ye ishambaguje, twumva ijwi rye ariko ntidusobanukirwe n'ibyo ari kuvuga, araza yegera Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) atangira kuyibaza ku buyisilamu, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: "Iswalat eshanu ku manywa na nijoro", nuko arongera arayibaza ati: Hari ibindi ntegetswe bitari ibi? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Nta bindi, cyeretse nushaka gukora iby'umugereka, no gusiba ukwezi kwa Ramadwan." Arongera arayibaza ati: Hari ibindi ntegetswe bitari ibi? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Nta bindi, cyeretse nushaka gukora iby'umugereka." Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imubwira no gutanga amaturo, maze arayibaza ati: Hari ibindi ntegetswe bitari ibi? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Nta bindi, cyeretse nushaka gukora iby'umugereka." Twal'hat aravuga ati: Nuko wa mugabo aragenda, agenda avuga ati: Ndahiye ku izina rya Allah ko nta bindi nzongera kuri ibi, ndetse nta n'ibyo nzagabanyaho! Maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Afite intsinzi niba ari kuvugisha ukuri."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Umugabo umwe uturutse ahitwa Nadj'di yaje kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), imisatsi ye ishambaguje, ijwi rye ryumvikana ariko ntidusobanukirwe n'ibyo ari kuvuga, araza yegera Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) atangira kuyibaza ku buyisilamu? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imusubiza ihereye ku iswalat, ndetse ko Allah yamutegetse gusali Iswalat eshanu ku manywa na ninjoro. Wa mugabo arongera arayibaza ati: Hari ibindi ntegetswe mu masengesho bitari aya atanu? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Nta yandi masengesho utegetswe, cyeretse nushaka gukora ay'umugereka. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: No mu byo Allah yagutegetse harimo gusibo ukwezi kwa Ramadwani. Wa mugabo arongera arayibaza ati: Hari ibindi ntegetswe bitari ugusiba ukwezi kwa Ramadhan? Intumwa y'Imana iramusubiza iti: "Nta bindi, cyeretse nushaka gusiba by'umugereka." Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije imubwira no gutanga amaturo y'itegeko (Zakat). Wa mugabo arongera arayibaza ati: Hari ibindi ntegetswe gutanga mu maturo bitari ibi? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Nta bindi, cyeretse nushaka gutanga iby'umugereka." Nyuma y'uko uyu mugabo yari amaze kumva ibisubizo by'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku mategeko yategetswe, yasubiyeyo aragenda, maze arahira ku izina rya Allah ko nta bindi

azongera cyangwa se ngo agabanye kubyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imaze kumubwira, maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Niba ari umunyakuri mu byo avuze ndetse amaze kurahirira ni umwe mu bafite intsinzi.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3700

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC
E-Da'wah Committee